# 356: Batoboy' ibiganza bye

1.
Batoboy' ibiganza bye, Byabumby' imisozi, byaremye byose, Byarambikwaga ku bana bato,Byakizag'indembe n'impumyi nyinshi.

2.
Batoboy' ibirenge bye, Byatambagiye ku nyenyeri zose, Byagendagenze no mw isi yacu.Bisur' abakene n'abanyabyaha.

3.
Bacumis' umutima we, Wakundag' indushyi n'aboroheje; Uvamw amaraso yoz' ibyaha, Atemba nk'uruzi kubwac' ababi.

4.
Uwo mutima wa Yesu N'ingingo ze nziza byaziz' iki se ? Ni jye byazize n'ibyaha byanjye,I Gologota, ku Musaraba we.

5.
Uko ndi, Yes’ unyakire, Ingingo zanjye n'umutima wanjye, Ko wanshunguye, nakwiyima nte ?Njye nkor' iby’ukunda, mb' imbata yawe!

Visit us at indirimbo.com